MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE **IKIGO CY'IGIHUGU CY'UBUMENYI BW'IKIRERE**	**P.B. 898 Kigali** **Tel: 6080 Toll free** **Fax: (+250)0252 585755** **E-mail:** **info@meteorwanda.gov.rw**	Rwanda Meteorology Agency

ITEGANYAGIHE Nº5 RY'IMVURA Y'UMUHINDO (NZERI-UKUBOZA) 2018

Hashingiwe ku isesengurwa ry'ibipimo by'imvura, iby'ubushyuhe bw'ikirere, iby'ubushyuhe bw'amazi y'inyanja y'Ubuhinde, Pasifika n'Atalantika n'isangano ry'imiyaga byo mu karere k 'Afurika y'Iburasirazuba n'ihembe ry'Afurika (Great Horn of Africa) ryakozwe n'impuguke mu by'ubumenyi bw'ikirere zo mu Rwanda, muri Afurika ndetse n'ibigo by'ubushakashatsi birimo Met Office, ICPAC, WMO-GPCs, USGS , ACMAD, IRI, zahuriye Kigali (Rwanda) kuva tariki ya 27 kugeza ku ya 28 Kanama 2018, hagamijwe gutangaza iteganyagihe ry'imvura y'umuhindo wa 2018 ku migwire y'imvura.

Mu Rwanda, hagendewe ku bipimo by'imvura n'ubushyuhe byo kuri sitasiyo 13 zo mu gihugu mu gihe cy'imyaka 36 ishize, iby'ubushyuhe bw'amazi y'inyanja ya Pasifika, iy'Ubuhindi n'iy'Atalantika, n'ibindi bipimo by'imiyaga ihurira mu karere k'Afurika yo hagati n'iy'Iburasirazuba.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko imvura y'umuhindo iteganyijwe izaba ihagije nk'isanzwe igwa mu bihe byiza ***(Igipimo cy'imvura isanzwe igwa mu bihe byiza ni igipimo mpuzandengo kiri hagati ya milimetero* 490 na 540 Iburengerazuba, 290 na 350 Iburasirazuba, 450 na 510 Amajyaruguru, 390 na 470 Amajyepfo, 290 na 360 Umugi wa Kigali*).*** Ibi biraterwa ahanini n'uko ubushyuhe bwo mu nyanja ngari buri hejuru bw'igipimo mpuzandengo cy'ubushyuhe busanzwe.

Hashingiwe ku miterere ya buri karere mu Rwanda:

- Ahateganyijwe imvura ihagije ariko ishobora kuziyongera ni muri utu turere dukurikira :**Nyaruguru,Nyamagabe,Nyamasheke,Karongi,Rutsiro,Nyabihu,Rubavu,Rulindo, Gakenke, Musanze,Ngororero,Amajyaruguru ya Muhanga,Iburasirazuba bwa Nyagatare na Gatsibo**.

- Ahateganyijwe imvura ihagije ariko ishobora kugabanuka aka ari aha hakurikira :**Ngoma,Kirehe,Kayonza,Rwamagana,Bugesera,Nyanza,Gicumbi,Burera,Kamonyi,Ruhango,Gisagara,Huye,Kicukiro,Nyarugenge,Gasabo,** agace kanini ka **Muhanga, Nyagatare** na **Gatsibo**.

Muri rusange, mu gihugu hose, imvura y'Umuhindo iteganyijwe gutangira mu cy'umweru cya 2 cya Nzeri kugeza mu cyumweru cya 2 cy'Ukwakira uhereye mu Burengerazuba ukageza mu Burasirazuba.

Harebwe muri rusange kandi, imvura y'Umuhindo iteganyijwe gutangira gucika guhera mu cyumweru cya 3 cy'ukuboza 2018 kugeza mu cy'umweru cya 1 cya Mutarama 2019 uhereye iburasirazuba ugana iburengerazuba.

IKARITA YEREKANA ITEGANYAGIHE RY'IMVURA Y'UMUHINDO 2018



Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'imvura y'umuhindo wa 2018, kirasaba inzego za Leta zose, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Amasosiyete y'abikorera ku giti cyabo ndetse n' Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kwirinda no gukumira Ibiza, kwirinda no gukumira Indwara, kubungabunga ibidukikije, guteza imbere ibikorwa by'Amazi no kongera ingufu z'amashanyarazi n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro.

Turashishikariza kandi abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye, iy'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa remezo, ubuzima, ubucuruzi, ubushakashatsi, kwirinda ibiza n'ibindi, kwegera impuguke zo mu nzego bakorana kugirango zibagire inama z'uburyo bwiza bwo gukoresha iteganyagihe ry'umuhindo 2018 mu mirimo yabo ya buri munsi.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri numero itishyurwa 6080.

ICYITONDERWA :

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.
Amahirwe y'imvura izagwa mu turere dutandukanya murabisanga ku mugereka.

Bikore we i Kigali, kuwa 28/08/2018.

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

John NTAGANDA SEMAFARA
Umuyobozi Mukuru